# Kirehe: Abaturage barasaba kugabanyirizwa igiciro cy'amazi



Abaturage ba Gatore bashimira Ambasaderi w'Ubuyapani,nyuma yo kubaha amazi

MUTUNGIREHE SAMUEL

Mu gihe abatuye Umurenge wa Gatore, Akarere ka Kirehe bishimira amazi meza bagejejweho n'umuryango nterankunga w'Abayapani (Japan International Cooperation Agency, JICA), aba baturage barasaba kugabanyirizwa igiciro ngo kuko ubushobozi bwo kuyabona kuri bamwe bugihenze.

Kabanda Claude ushinzwe ibikorwa by'amazi n'ibidukikije mu karere ka Kirehe asobanura ko impamvu aya mazi ari ku giciro abaturage batishimiye ari uko abageraho hakoreshejwe uburyo buhenze mu kuyasunika. Yagize ati "*iki kibazo abaturage bafite turakizi, amafaranga 30 ku ijerekeni mu by'ukuri ntabwo ari make wenda ugereranyije n'ubushobozi bwabo. Ariko nanone ugereranyije n'ibisabwa kugira ngo ayo mazi abagereho nicyo giciro twabonye gishoboka kugira ngo bya bikorwa byakozwe bibashe gukomeza kubungabungwa.*"

Kabandana yijeje aba baturage ko mu buryo bwari busanzwe hifashishwaga moteri kugira ngo amazi abagereho avuye ku birometero bisaga 3 ariko ngo mu bagiye kwegera ikigo cy'igihugu gishinzwe amashanyarazi (REG) kugira ngo ibiciro biganuke. Iki kigo ariko giherutse kongera ibiciro by'amazi n'umuriro gitanga hagamijwe gukemura ibibazo by'ibura ry'amazi n'umuriro bitari bihagije.

Ku ruhande rw'abaturage ngo basaba ubuyobozi bwa koperative 'AYA TEKE STAR Campany' ibaha amazi kugabanya igiciro ijerekani ikagurwa ku mafaranga 15 mu gihe yaguraga amafaranga 30.

Iri vomero ry'amazi rihereye mu mudugudu wa Bitoma mu kagarika ka Rwabutazi ryubatswe mu 2013 ubu rikaba riha amazi meza abaturage basaga 4500 ba Gatore ku kigero cya 78%.

Umuhuzabikorwa w'umushinga JICA mu Rwanda, Tokahero Moriya yatangaje ko yumvise ikibazo umugi wa Kigali ufite cy'amazi kandi akaba nka JICA biteguye kugira icyo bagikoraho. Mu magambo ye: "[...] kandi twumvise ibimaze amezi make bivugwa n'abaturage i Kigali ku kibazo cy'ubuke bw'amazi, JICA nayo yumvise icyo kibazo. Murabizi ko icyo ari ikibazo cy'imisoro iba yinjira, nta kubishidikanyaho iyo ni imwe mu ngamba zo kubaka ibigega bitanga amazi muri Kigali."

Kuva mu mwaka 2005 Leta y'u Buyapani ibicishije mu mushinga wayo JICA imaze kugeza amazi meza ku baturage basaga ibihumbi 55 bo mu turere 2, Ngoma na Kirehe.